| Ngororero | 152 | 46.6% | 174 | 53.4% | 326 |
| Nyabihu | 138 | 43.0% | 183 | 57.0% | 321 |
| Nyamasheke | 169 | 46.6% | 194 | 53.4% | 363 |
| Rubavu | 177 | 47.2% | 198 | 52.8% | 375 |
| Rusizi | 160 | 44.2% | 202 | 55.8% | 362 |
| Rutsiro | 142 | 44.1% | 180 | 55.9% | 322 |
| Burera | 163 | 50.3% | 161 | 49.7% | 324 |
| Gakenke | 171 | 51.8% | 159 | 48.2% | 330 |
| Gicumbi | 153 | 42.5% | 207 | 57.5% | 360 |
| Musanze | 179 | 50.1% | 178 | 49.9% | 357 |
| Rulindo | 194 | 61.0% | 124 | 39.0% | 318 |
| Bugesera | 145 | 43.3% | 190 | 56.7% | 335 |
| Gatsibo | 191 | 46.8% | 217 | 53.2% | 408 |
| Kayonza | 132 | 43.3% | 173 | 56.7% | 305 |
| Kirehe | 133 | 41.7% | 186 | 58.3% | 319 |
| Ngoma | 136 | 44.2% | 172 | 55.8% | 308 |
| Nyagatare | 230 | 51.2% | 219 | 48.8% | 449 |
| Rwamagana | 134 | 41.6% | 188 | 58.4% | 322 |
| **BOSE HAMWE** | **4579** | **45.4%** | **5511** | **54.6%** | **10,090** |


Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Imbonerahamwe 7:
Abaturage babajijwe hakurikijwe imyaka

| IMYAKA | IGITSINA | | | | BOSE HAMWE | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare | % |
| 18-30 | 929 | 9.2% | 1390 | 13.8% | 2319 | 23.0% |
| 31-40 | 1330 | 13.2% | 1692 | 16.8% | 3022 | 30.0% |
| 41-50 | 1117 | 11.1% | 1305 | 12.9% | 2422 | 24.0% |
| 51-60 | 723 | 7.2% | 749 | 7.4% | 1472 | 14.6% |
| 61 kuzamura | 480 | 4.8% | 375 | 3.7% | 855 | 8.5% |
| **BOSE HAMWE** | **4579** | **45.4%** | **5511** | **54.6%** | **10,090** | **100.0%** |


Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ishusho 1: Abaturage babajijwe hakurikijwe irangamimerere





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ishusho 2: Abaturage babajijwe hakurikijwe amashuri bize




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ishusho 3: Abaturage babajijwe hakurikijwe umurimo bakora





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ishusho 4: Abaturage babajijwe hakurikijwe icyiciro cy'ubudehe




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ishusho 5: Abaturage babajijwe hakurikijwe amafaranga binjiza ku kwezi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

# 3.1 Ibyiciro byakoreweho ubushakashatsi

**UBUKUNGU:**

- Ubuhinzi
- Ubworozi
- Ibikorwaremezo
- Ikoranabuhanga n'itumanaho
- Ubutaka n'imiturire
- Urwego rw'abikorera

**IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE**

- Uburezi
- Ubuzima
- Isuku
- Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye
- Imibereho y'Umuryango Nyarwanda

**IMIYOBORERE**

- Serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze
- Ubutabera
- Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi
- Umutekano
- Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa

# IGICE CYA KABIRI

1

# INKINGI Y'UBUKUNGU





# 1.1.UBUHINZI




## 1.1.1. Intangiriro

Abaturage bakora ubuhinzi babajijwe uko babona serivisi z'ubuhinzi zakoreweho ubushakashatsi arizo kubona imbuto ku gihe, kubona inyongeramusaruro ku gihe, kubona imbuto n'inyongeramusaruro bihagije, kubona imiti y'ibihingwa ku gihe, isoko ry'umusaruro, kurwanya indwara z'ibihingwa, ubuhunikiro rusange bw'umusaruro, ubwanikiro rusange bw'umusaruro, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi, kuhira imyaka no gukoresha imashini zihinga.

Muri ubu bushakashatsi, abaturage 82.1% (46.1% Gabo, 53.9% Gore) nibo bakora imirimo yerekeranye n'ubuhinzi, muri bo 21.2% ni urubyiruko, bikaba biragaragaza ko urubyiruko rugenda rubona ubuhinzi nk'amahirwe yo kwiteza imbere. Byongeye kandi, muri aba bakora imirimo yerekeranye n'ubuhinzi, 84.2% ntibarengeje amashuri abanza barimo 15.4% b'urubyiruko (18-30).


Ishusho 6: **Ibyiciro by'abakora imirimo y'ubuhinzi**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubushakashatsi bwerekana ko abagabo ari bo benshi mu cyiciro cy'abikorera mu gihe abagore biganje mu cyiciro cy'abakorera abandi ndetse no mu cyiciro cy'ababikora byombi. Ibi bishobora kuba biterwa n'uko abagore badafite uburenganzira busesuye ku butaka bwo guhinga ugereranije n'abagabo.


Ishusho 7: Ibyiciro by'urubyiruko ruri mu mirimo y'ubuhinzi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubushakashatsi bugaragaza ko 50.9% by'urubyiruko rukora imirimo y'ubuhinzi rwikorera, bikaba bigaragaza ko urubyiruko rugenda rwumva agaciro k'umwuga w'ubuhinzi.


Ishusho 8: Urubyiruko rukora mu buhinzi hakurikijwe amashuri bize




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Iyi shusho irerekana ko urubyiruko rwinshi rukora ubuhinzi rufite amashuri abanza. Ibi bishobora kuba imbogamizi ku ntego z'icyerekezo 2050, aho biteganyijwe ko urwego rw'ubuhinzi ruzaba rwarahindutse cyane rukorwamo n'abahinzi babigize umwuga ndetse bakazaba bakora ubuhinzi bujyanye n'uruhererekane nyongeragaciro rw'ibikorwa by'inganda n'ubucuruzi.


Ishusho 9: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubuhinzi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange, serivisi z'ubuhinzi zirashimwa ku gipimo cya 63.2%. Iki gipimo cyarazamutse kivuye kuri 61.1% muri CRC 2022. Abagabo bazishima ku gipimo cya 63.4% mu gihe abagore bazishima ku gipimo cya 63.0%.


Ikarita 3: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu buhinzi hakurikijwe uturere




Abaturage bo mu Karere ka Rubavu nibo bashima serivisi zo mu buhinzi ku gipimo cyo hejuru cya 75.2%, naho mu Karere ka Musanze abaturage bakazishima ku gipimo cyo hasi cya 52.7%..

## 1.1.2. Serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 10: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 1.1.3 Aho Abaturage bakura amakuru yerekeranye n'ubuhinzi

Ishusho 11: Aho abaturage bakura amakuru y'ubuhinzi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru, abahinzi benshi babona amakuru ajyanye n'ubuhinzi avuye ku bajyanama mu buhinzi. Ibi biragaragaza ko aba bakorerabushake bafite uruhare runini mu gushererekanya ubumenyi bushobora guteza imbere ubuhinzi.

## 1.1.4 Uko abaturage babona serivisi zitandukanye zo mu buhinzi

Ishusho 12: Uko abaturage babona serivisi zitandukanye mu buhinzi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023


Muri ubu bushakashatsi abahinzi bagaragaje ko bashima serivisi z'ubuhinzi ku gipimo cyo hasi muri rusange. Isoko ry'umusaruro niryo riza imbere mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 65.2%.

N'ubwo muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi ( NST1) hateganijwe ko abaturage bazaba bashima serivisi bahabwa nibura ku gipimo cya 90% mu mwaka wa 2024, biragaragara ko hakiri intambwe nini yo gutera muri serivisi z'ubuhinzi kuko nta n'imwe ishimwa nibura ku gipimo cya 70%.

Serivisi zo kuhira no gukoresha imashini zihinga ni zo zishimwa n'abaturage ku bipimo byo hasi cya 10.4% na 4.7%.

## 1.1.5 Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'umusaruro

Ishusho 13: Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'umusaruro





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko muri rusange serivisi zo kubona isoko ry'umusaruro uturuka ku buhinzi zazamutse, aho ziri  ku gipimo cya 65.2% zivuye kuri 48.4% muri CRC 2022. Igipimo cy'uko abagabo bashima isoko ry'umusaruro cyazamutseho 18.8% naho abagore kizamukaho 14.9%.

## 1.1.6 Uko abaturage babona imikorere y'abakora mu buhinzi

Ishusho 14: Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu bagira uruhare mu bikorwa by'ubuhinzi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abacuruzi b'inyongeramusaruro nibo baza imbere mu gushimwa n'abaturage ugereranyije n'abajyanama b'ubuhinzi ndetse n'abaguzi b'umusaruro.

## 1.1.7 Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi

Muri ubu bushakashatsi kandi abaturage bagaragaje zimwe mu nzitizi zikibangamira iterambere ry'ubuhinzi nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira:

Ishusho 15: Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kimwe n'iyayibanjirije, CRC 2023 igaragaza ko imihindagurikire y'ikirere, indwara z'ibihingwa ndetse n'ubuke bw'inganda zitunganya umusaruro bikomeje kuza ku isonga mu nzitizi zibangamira iterambere ry'ubuhinzi. Abagaragaje ko ubuke bw'inganda zitunganya umusaruro ari inzitizi bariyongereye bagera kuri 81.1% bavuye kuri 76.4% muri CRC 2022.

## 1.1.8. IBYIFUZONAMA

- Gukaza ingamba zo kunoza imicungire n'imikoreshereze y'inyongeramusaruro;
- Gukaza ingamba zo gukumira no kurwanya indwara z'ibihingwa;
- Kunoza imikorere no kongera inganda zitunganya umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi;
- Kunoza imikorere ya gahunda yo gufasha abahinzi kubona imashini zikoreshwa mu buhinzi no mu kuhira imyaka;
- Kunoza imicungire y'umusaruro n'isoko ryawo.

Imbonerahamwe 8:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubuhinzi mu myaka ibiri (2023-2022)


| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 75.2% | 50.6% | ▲ | 24.6% |
| 2 | Kamonyi | 73.5% | 62.4% | ▲ | 11.1% |
| 3 | Muhanga | 72.9% | 65.9% | ▲ | 7.0% |
| 4 | Rwamagana | 71.1% | 61.9% | ▲ | 9.2% |
| 5 | Gakenke | 69.7% | 69.8% | ▼ | -0.1% |
| 6 | Rutsiro | 69.6% | 48.7% | ▲ | 20.9% |
| 7 | Kicukiro | 69.3% | 45.1% | ▲ | 24.2% |
| 8 | Rulindo | 67.0% | 61.5% | ▲ | 5.5% |
| 9 | Gisagara | 66.5% | 78.7% | ▼ | -12.2% |
| 10 | Burera | 65.4% | 50.3% | ▲ | 15.1% |
| 11 | Ngoma | 65.3% | 60.1% | ▲ | 5.2% |
| 12 | Nyarugenge | 64.6% | 62.2% | ▲ | 2.4% |
| 13 | Nyaruguru | 64.4% | 68.8% | ▼ | -4.4% |
| 14 | Ngororero | 64.2% | 61.9% | ▲ | 2.3% |
| 15 | Bugesera | 63.9% | 56.4% | ▲ | 7.5% |
| 16 | Nyagatare | 63.5% | 48.6% | ▲ | 14.9% |
| 17 | Nyamagabe | 63.2% | 58.0% | ▲ | 5.2% |
| 18 | Gatsibo | 61.2% | 69.2% | ▼ | -8.0% |
| 19 | Huye | 59.5% | 63.8% | ▼ | -4.3% |
| 20 | Karongi | 59.2% | 66.2% | ▼ | -7.0% |
| 21 | Nyamasheke | 59.1% | 51.1% | ▲ | 8.0% |
| 22 | Gasabo | 58.8% | 49.8% | ▲ | 9.0% |
| 23 | Kirehe | 58.8% | 62.6% | ▼ | -3.8% |
| 24 | Kayonza | 58.3% | 61.1% | ▼ | -2.8% |
| 25 | Nyabihu | 58.1% | 57.0% | ▲ | 1.1% |
| 26 | Nyanza | 58.1% | 70.6% | ▼ | -12.5% |
| 27 | Ruhango | 57.3% | 58.8% | ▼ | -1.5% |
| 28 | Rusizi | 54.8% | 62.6% | ▼ | -7.8% |
| 29 | Gicumbi | 53.3% | 58.5% | ▼ | -5.2% |
| 30 | Musanze | 52.7% | 59.6% | ▼ | -6.9% |
| IMPUZANDENGO | | 63.2% | 61.1% | ▲ | 2.1% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023





# 1.2. UBWOROZI




# 1.2.1. Intangiriro

Mu byiciro byakoreweho ubushakashatsi, harimo n'ubworozi nka rumwe mu nzego zitaweho muri gahunda za Leta zifasha mu kuzamura ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage. Abakora imirimo igendanye n'ubworozi babajijwe kuri ibi bikurikira: Serivisi zirebana no kubangurira inka, ubuvuzi bw'amatungo, gukingira indwara, ibiryo by'amatungo, serivisi z'abavuzi b'amatungo, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi n'isoko ry'ibikomoka ku bworozi.

Muri ubu bushakashatsi, abaturage 59.1% (abagabo ni 48.5% mu gihe abagore ari 51.5%) nibo bakora imirimo yerekeranye n'ubworozi, muri bo 19.1% ni urubyiruko. Byongeye kandi, muri aba bakora imirimo yerekeranye n'ubworozi, 83.2% ntibarengeje amashuri abanza barimo 13.0% b'urubyiruko (18-30).


Ishusho 16: Urubyiruko rukora ubworozi hakurikijwe amashuri bize




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kimwe no mu buhinzi, ubushakashatsi burerekana ko benshi mu rubyiruko ruri mu bworozi bize amashuri abanza. Ibi bishobora kuba imbogamizi mu guteza imbere ubworozi bubyara ubukire.


Ishusho 17: Amatungo abaturage boroye




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubushakashatsi burerekana ko aborozi b'inka ari bo benshi mu gihe aborora inzuki n'amafi ari bake cyane.


Ishusho 18: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubworozi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bishimiye serivisi z'ubworozi ku gipimo cya 76.6%. Ugereranije na CRC 2022 aho cyari kuri 77.7%, iki gipimo cyamanutseho 1.1%. Abagore bashima ku gipimo cya 76.8% naho abagabo bagashima ku gipimo cya 76.3%.


Ikarita 4: Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi muri rusange hakurikijwe uturere




Abaturage bo mu turere turindwi (Rubavu, Nyamagabe, Gakenke, Rulindo, Nyanza, Muhanga na Nyamasheke) bashima serivisi z'ubworozi ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Akarere ka Rubavu niko kari ku isonga mu gushima serivisi z'ubworozi ku gipimo cya 82.8% naho igipimo kiri hasi ni icy'Akarere ka Gasabo (66.5%).

## 1.2.2. Serivisi z'ubworozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 19: Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri (2023-2022)




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 1.2.3. Uburyo abaturage bakoresha mu kubangurira inka

Ishusho 20: **Uburyo abaturage bakoresha mu kubangurira inka**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Mu gihe gahunda ya Leta ari ugushishikariza abaturage gutera intanga mu rwego rwo kuzamura umusaruro w'ubworozi, ubu bushakashatsi buragaragaza ko aborozi bakoresha ubu buryo bakiri bake (17.6%) ugereranije na 72.5% bakibangurira ku mfizi.

## 1.2.4. Uko abaturage babona serivisi zitandukanye z'ubworozi


Ishusho 21: **Uko abaturage babona serivisi zitandukanye z'ubworozi**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje ko bashima serivisi yo gukingira amatungo ku gipimo cyo hejuru cyane aho kiri kuri 94.1%, kikaba cyazamutse ugereranyije na CRC 2022 aho cyari kuri 89.6%. Ku rundi ruhande, imibonekere y'ibiryo by'amatungo ni yo serivisi ishimwa ku gipimo cyo hasi cya 31.6%.

Ishusho 22: **Uko abaturage babona isoko ry'ibikomoka ku matungo atandukanye**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abaturage bagaragaje ko kubona isoko ry'amagi n'iry'ubuki byishimiwe ku gipimo cya 76.3% naho kubona isoko ry'inyama byishimiwe muri rusange ku bipimo biri hejuru ya 60%. Serivisi yo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi ni yo ishimwa ku gipimo cyo hasi munsi ya 20%. Ibi biragaragaza ko uburyo bwo kongerera agaciro ibikomoka ku matungo butaratera imbere.

## 1.2.5. Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'amata

Ishusho 23: **Uko abagabo n'abagore babona isoko ry'amata**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

N'ubwo kubona isoko ry'amata bishimwa ku gipimo cyo hasi cya 58.1%, iki gipimo cyazamutseho 9.9% kivuye kuri 48.2% muri CRC 2022, aho abagabo bashima biyongereyeho 11.7%, naho abagore biyongeraho 8.2%.

## 1.2.6. Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi

Ishusho 24: Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Inzitizi zagaragajwe kurusha izindi ku gipimo kiri hejuru ya 85% ni: uburyo bwo gutunganya no guhunika ibiryo by'amatungo budahagije, ibiryo by'amatungo bidahagije ndetse n'imyumvire y'abaturage ku bwishingizi bw'amatungo ikiri hasi.

## 1.2.7. IBYIFUZONAMA

- Kunoza imibonekere y'ibiryo by'amatungo n'uburyo bwo kubitunganya no kubihunika;
- Kongerera aborozi ubumenyi bwo kwita ku matungo, gukumira no guhangana n'indwara zayo;
- Kwegereza aborozi ibikorwaremezo (imihanda, amazi, amashanyarazi n'amakusanyirizo);
- Gushyira ingufu mu kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi.

Imbonerahamwe 9:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubworozi mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 82.8% | 76.8% | ▲ | 6.0% |
| 2 | Nyamagabe | 81.4% | 68.9% | ▲ | 12.5% |
| 3 | Gakenke | 81.1% | 84.9% | ▼ | -3.8% |
| 4 | Rulindo | 80.9% | 76.2% | ▲ | 4.7% |
| 5 | Nyanza | 80.8% | 85.0% | ▼ | -4.2% |
| 6 | Muhanga | 80.7% | 82.1% | ▼ | -1.4% |
| 7 | Nyamasheke | 80.4% | 74.7% | ▲ | 5.7% |
| 8 | Kamonyi | 79.4% | 84.9% | ▼ | -5.5% |
| 9 | Rwamagana | 79.3% | 77.3% | ▲ | 2.0% |
| 10 | Rutsiro | 78.9% | 74.6% | ▲ | 4.3% |
| 11 | Burera | 78.7% | 77.3% | ▲ | 1.4% |
| 12 | Gisagara | 78.4% | 86.9% | ▼ | -8.5% |
| 13 | Huye | 77.2% | 69.7% | ▲ | 7.5% |
| 14 | Ruhango | 75.8% | 79.6% | ▼ | -3.8% |
| 15 | Gicumbi | 75.7% | 79.2% | ▼ | -3.5% |
| 16 | Karongi | 75.5% | 81.8% | ▼ | -6.3% |
| 17 | Nyaruguru | 75.2% | 80.1% | ▼ | -4.9% |
| 18 | Musanze | 75.1% | 82.1% | ▼ | -7.0% |
| 19 | Rusizi | 74.4% | 74.2% | ▲ | 0.2% |
| 20 | Nyagatare | 73.9% | 65.9% | ▲ | 8.0% |
| 21 | Gatsibo | 73.2% | 73.6% | ▼ | -0.4% |
| 22 | Ngororero | 72.7% | 80.6% | ▼ | -7.9% |
| 23 | Bugesera | 72.6% | 71.6% | ▲ | 1.0% |
| 24 | Nyarugenge | 71.7% | 74.5% | ▼ | -2.8% |
| 25 | Kirehe | 71.1% | 81.0% | ▼ | -9.9% |
| 26 | Ngoma | 71.0% | 79.0% | ▼ | -8.0% |
| 27 | Nyabihu | 70.7% | 84.3% | ▼ | -13.6% |
| 28 | Kicukiro | 69.3% | 67.4% | ▲ | 1.9% |
| 29 | Kayonza | 69.1% | 72.5% | ▼ | -3.4% |
| 30 | Gasabo | 66.5% | 62.9% | ▲ | 3.6% |
| IMPUZANDENGO | | 76.6% | 77.7% | ▼ | -1.1% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023


# 1.3. IBIKORWAREMEZO



## 1.3.1. Intangiriro

Bimwe mu byihutisha iterambere ry'ibihugu, ni ukugira ibikorwaremezo bihagije, bimeze neza kandi bisaranganyije neza mu gihugu hose. Mu rwego rwo kureba uko Igihugu cyacu gihagaze, ubu bushakashatsi bwibanze kuri serivisi z'ibikorwaremezo by'amazi, amashanyarazi, ndetse n'imihanda n'amateme.


Ishusho 25: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ibikorwaremezo muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abaturage bashima serivisi z'ibikorwaremezo ku gipimo cya 71.0%, aho abagore bazishima ku gipimo cya 71.6%, naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 70.2%.


Ikarita 5: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu bikorwaremezo hakurikijwe uturere




Abaturage bo mu turere dutanu (5) nibo bashima serivisi z'ibikorwaremezo ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Akarere ka Nyarugenge niko kaza ku isonga mu gushimwa ku gipimo cya 86.6%, mu gihe mu Karere ka Nyamagabe ari ho abaturage bashima izi serivisi ku gipimo kiri hasi cya 57.6%.

## 1.3.2. Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 26: Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 1.3.3. Uko abaturage babona serivisi z'amazi

Ishusho 27: Uko abaturage babona serivisi z'amazi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ku baturage bafite amazi mu rugo, serivisi yo kubona inyemezabuguzi iri mu zishimwa cyane ku gipimo cya 88%. Imibonekere y'amazi haba ku bayafite mu rugo ndetse no kubakoresha amavomero rusange, bayishima ku gipimo cya 62.6%.

## 1.3.4. Uko abagabo n'abagore babona imicungire y'amavomo rusange

Ishusho 28: Uko abagabo n'abagore babona imicungire y'amavomo rusange





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange, abaturage bashima serivisi z'amavomo rusange ku gipimo cya 74.4%. Abagore bashima ku gipimo cya 74.7%, mu gihe abagabo bashima ku gipimo cya 74.1%.

## 1.3.5. Serivisi z'amashanyarazi

Ishusho 29: Uko abaturage babona serivisi z'amashanyarazi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Mu bijyanye n'amashanyarazi, serivisi ishimwa cyane ni iy'uburyo bwo kwishyura amashanyarazi ku gipimo cya 88.9%, naho serivisi yo gusana imiyoboro y'amashanyarazi na mubazi ni yo iri ku gipimo cyo hasi cya 68.9%.

## 1.3.6. Imihanda n'amateme

Ishusho 30: Uko abaturage babona ibikorwaremezo by'imihanda n'amateme





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange, ibikorwaremezo by'imihanda n'amateme bikwiye gushyirwamo imbaraga cyane kuko biri mu byo abaturage banenga ku gipimo cyo hejuru.

## 1.3.7. Inzitizi zagaragajwe n'abaturage mu bikorwaremezo

Ishusho 31: **Inzitizi abaturage babona mu bikorwaremezo**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Mu nzitizi abaturage babona mu bikorwaremezo, iyagaragajwe cyane ni ijyanye n'ibiza n'imihindagurikire y'ikirere iri ku gipimo cya 82.7%, igakurikirwa n'iy'imihanda n'amateme bitaragera aho bikenewe hose iri ku gipimo cya 63.3%. Ariko n'izindi nzitizi ziragaragara ko zihari ku bipimo biri hejuru ya 45%.

## 1.3.5. IBYIFUZONAMA

- Kwihutisha ingamba zo kwegereza abaturage amazi n' amashanyarazi ndetse no kunoza serivisi zo gusana imiyoboro;
- Kongera imihanda n'amateme no gushyiraho uburyo buhoraho bwo kubibungabunga.

Imbonerahamwe 10:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ibikorwaremezo mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nyarugenge | 86.6% | 86.3% | ▲ | 0.3% |
| 2 | Kicukiro | 86.3% | 84.6% | ▲ | 1.7% |
| 3 | Rubavu | 83.1% | 72.5% | ▲ | 10.6% |
| 4 | Gasabo | 80.3% | 80.9% | ▼ | -0.6% |
| 5 | Burera | 75.3% | 63.4% | ▲ | 11.9% |
| 6 | Kamonyi | 73.5% | 55.9% | ▲ | 17.6% |
| 7 | Rwamagana | 73.2% | 69.6% | ▲ | 3.6% |
| 8 | Gicumbi | 72.6% | 65.7% | ▲ | 6.9% |
| 9 | Rulindo | 72.6% | 61.5% | ▲ | 11.1% |
| 10 | Nyamasheke | 71.9% | 69.2% | ▲ | 2.7% |
| 11 | Huye | 71.8% | 65.9% | ▲ | 5.9% |
| 12 | Nyagatare | 70.1% | 67.4% | ▲ | 2.7% |
| 13 | Kayonza | 69.9% | 66.3% | ▲ | 3.6% |
| 14 | Gakenke | 69.8% | 52.1% | ▲ | 17.7% |
| 15 | Musanze | 69.8% | 74.6% | ▼ | -4.8% |
| 16 | Kirehe | 69.3% | 65.7% | ▲ | 3.6% |
| 17 | Rutsiro | 69.1% | 54.7% | ▲ | 14.4% |
| 18 | Karongi | 67.7% | 51.7% | ▲ | 16.0% |
| 19 | Muhanga | 67.6% | 58.0% | ▲ | 9.6% |
| 20 | Ngoma | 67.5% | 68.1% | ▼ | -0.6% |
| 21 | Bugesera | 67.1% | 66.7% | ▲ | 0.4% |
| 22 | Gisagara | 66.7% | 52.5% | ▲ | 14.2% |
| 23 | Rusizi | 65.9% | 74.2% | ▼ | -8.3% |
| 24 | Nyabihu | 65.2% | 54.6% | ▲ | 10.6% |
| 25 | Gatsibo | 64.9% | 66.4% | ▼ | -1.5% |
| 26 | Nyanza | 64.9% | 52.1% | ▲ | 12.8% |
| 27 | Nyaruguru | 63.4% | 63.6% | ▼ | -0.2% |
| 28 | Ruhango | 62.0% | 59.0% | ▲ | 3.0% |
| 29 | Ngororero | 59.2% | 60.1% | ▼ | -0.9% |
| 30 | Nyamagabe | 57.6% | 46.4% | ▲ | 11.2% |
| IMPUZANDENGO | | 71.0% | 65.1% | ▲ | 5.9% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023





# 1.4. IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO

## 1.4.1. Intangiriro

Nk'uko bikubiye muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1), biteganyijwe ko mu mwaka wa 2024, serivisi zose za Leta zizaba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego muri ubu bushakashatsi harebwe uko abaturage babona bimwe mu bikorwa na serivisi by'ikoranabuhanga n'itumanaho bikurikira: interineti, telefoni, radiyo, televiziyo, ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera (IECMS), imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu burezi, kwishyura no guhererekanya amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga (Mobile Money, Airtel Money, Internet banking, Ikarita ya banki), urubuga rw'irembo ndetse n'inzitizi abaturage bahura nazo mu mikoreshereze y'ikoranabuhanga n'itumanaho.


Ishusho 32: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange, serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho zishimwa ku gipimo cya 72.8%. Abagabo bashima ku gipimo cya 73.0%, naho abagore bagashima ku gipimo cya 72.8%.


Ikarita 6: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu ikoranabuhanga n'itumanaho hakurikijwe uturere




Abaturage bashima serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho ku gipimo kiri hejuru ya 75% mu turere cumi na dutatu (13), aho Akarere ka Kicukiro kaza ku isonga ku gipimo cya 82% naho Akarere ka Kayonza kakaba ari ko kari inyuma ku gipimo cya 63.4%.

## 1.4.2. Ikoranabuhanga n'itumanaho hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 33: Uko abaturage babona serivisi z'ikoranabuhanga hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

### 1.4.3. Imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi

Ishusho 34: Uko abaturage babona imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Mu miyoboro y'itumanaho abaturage bakoresha, imikorere ya radiyo ni yo ishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 76.8%, umuyoboro wa interineti niwo ushimwa ku gipimo cyo hasi cya 27.6%.

Abatazi imikorere ya interineti bari ku gipimo cyo hejuru cya 51% naho abatazi imikorere ya televiziyo bakaba ku gipimo cya 46.8%.

Nubwo intego za ICT SSP (2018-2024) ari uko abaturage bagezwaho interneti ku gipimo cya 90% mu mwaka wa 2024, ubu bushakashatsi buragaragaza ko abazi imikorere yayo bakiri bake. Ibi bikaba byahuzwa n'uko abakoresha interneti bakiri ku gipimo cya 22.8% nk'uko byagaragajwe n'ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire rya 2022.

Ishusho 35: Uko urubyiruko rubona serivisi za interineti





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kimwe n'abandi baturage, urubyiruko na rwo rushima serivisi za interineti ku gipimo cyo hasi ndetse abenshi bakaba batazi kuyikoresha.

## 1.4.4. Urubuga rw'Irembo

Urubuga rw'Irembo ni umuyoboro w'ikoranabuhanga washyizweho nk'uburyo bwo gufasha abaturage kubona serivisi za Leta mu buryo bworoshye, bunoze kandi bwizewe. Muri ubu bushakashatsi, harebwe uko abaturage bazi urubuga rw'Irembo, uburyo barukoresha n'uko bashima serivisi zitangwa hifashishijwe Irembo.

Ishusho 36: **Uko abagabo n'abagore bazi urubuga rw'Irembo.**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ibyavuye mu bushakashatsi byerekana ko abaturage bazi serivisi z'Irembo ku gipimo cya 89.9% aho abagabo bazizi ku gipimo cya 91.5%, naho abagore bakazimenya ku gipimo cya 88.5%. Ibi biragaragaza ko abaturage bamaze kumenya urubuga rw'Irembo.

### 1.4.4.1. Uburyo abaturage bakoresha serivisi z'Irembo


Ishusho 37: **Uburyo abaturage bakoresha serivisi z'Irembo**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kugana abatanga serivisi z'Irembo (agents) ni bwo buryo bukoreshwa cyane n'abaturage ku gipimo cya 97.2%, mu gihe ubundi buryo busigaye bukoreshwa ku bipimo biri hasi cyane. Ibi birerekana ko abaturage bataragera ku rwego rwo kubyikorera nk'uko biri muri gahunda ya minisiteri ifite ikorabuhanga mu nshingano.

Ishusho 38: Uburyo urubyiruko rukoresha serivisi z'Irembo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Biragaragara ko abenshi mu rubyiruko (96.1%) iyo bakeneye serivisi z'Irembo bagana abatanga serivisi zaryo (Agents). Ibi bisobanuye ko ubumenyi ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga (digital literacy) bukiri hasi mu rubyiruko bituma gahunda ya "byikorere" idatera imbere.

### 1.4.4.2. Uko abaturage babona serivisi z'Irembo

Ishusho 39: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'Irembo





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2022

Abaturage bakoresha serivisi z'Irembo bazishima ku gipimo cya 91.7%. Abagore bazishima ku gipimo cyo hejuru cya 92.6% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 90.7%.

### 1.4.4.3. Uko abaturage babona imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu burezi

Ishusho 40: Uko abaturage babona imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu burezi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Iki gipimo kiragaragaza ko imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu burezi itaratera imbere, mu gihe biteganywa ko muri 2024, guteza imbere ikoranabuhanga mu mashuri binyuze mu gushyiraho ibyumba by'ikoranabuhanga (Smart Classrooms) bizaba bigeze kuri 70%.

### 1.4.5. Imikorere y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'Ubutabera

Ishusho 41: Uko abaturage babona imikorere y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abaturage bashima imikorere y'ikoranabuhanga ryo gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera (IECMS) ku gipimo cya 72.6%. Iki gipimo kikaba cyaragabanutseho 3.5% ugereranyije n'ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2022.

## 1.4.6. Imikorere yo kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishije telefoni

Ishusho 42: **Uko abaturage babona imikorere yo kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni (Mobile Money, Airtel Money, Internet banking) bishimwa ku gipimo cyo hejuru. Ibi biragaragaza ko gahunda yo kutagendana amafaranga (cashless policy) igenda itera imbere mu baturage.

## 1.4.7. Inzitizi mu ikoranabuhanga n'itumanaho

Ishusho 43: **Inzitizi mu ikoranabuhanga n'itumanaho**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubumenyi budahagije mu mikoreshereze ya serivisi z'ikoranabuhanga (digital literacy) n'ihuzanzira ry'ikoranabuhanga (network) ridakora neza ni zo nzitizi zigaragazwa cyane n'abaturage nk'izibangamira iterambere ry'ikoranabuhanga n'itumanaho.

## 1.4.8. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza kwegereza abaturage ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga n'itumanaho, cyane cyane iminara n'imiyoboro ya interineti;
- Kongera ubukangurambaga n'amahugurwa ku baturage ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga ry'ibanze mu mitangire ya serivisi;
- Gukomeza kumenyekanisha imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu nzego z'ubutabera.

Imbonerahamwe 11:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 82.0% | 81.7% | ▲ | 0.3% |
| 2 | Rubavu | 81.1% | 72.7% | ▲ | 8.4% |
| 3 | Nyarugenge | 80.9% | 83.0% | ▼ | -2.1% |
| 4 | Gasabo | 78.3% | 78.2% | ▲ | 0.1% |
| 5 | Burera | 77.9% | 74.1% | ▲ | 3.8% |
| 6 | Nyamasheke | 76.2% | 76.7% | ▼ | -0.5% |
| 7 | Kamonyi | 76.0% | 77.2% | ▼ | -1.2% |
| 8 | Karongi | 75.8% | 69.7% | ▲ | 6.1% |
| 9 | Rwamagana | 75.7% | 81.0% | ▼ | -5.3% |
| 10 | Gakenke | 75.3% | 71.1% | ▲ | 4.2% |
| 11 | Nyabihu | 75.3% | 73.6% | ▲ | 1.7% |
| 12 | Huye | 75.2% | 66.7% | ▲ | 8.5% |
| 13 | Nyagatare | 75.2% | 70.6% | ▲ | 4.6% |
| 14 | Nyaruguru | 74.4% | 75.5% | ▼ | -1.1% |
| 15 | Rutsiro | 73.4% | 68.0% | ▲ | 5.4% |
| 16 | Ruhango | 72.4% | 75.0% | ▼ | -2.6% |
| 17 | Rulindo | 72.2% | 72.2% | ▲ | 0.0% |
| 18 | Ngoma | 71.7% | 74.8% | ▼ | -3.1% |
| 19 | Muhanga | 71.6% | 73.1% | ▼ | -1.5% |
| 20 | Nyanza | 71.1% | 74.4% | ▼ | -3.3% |
| 21 | Kirehe | 70.0% | 73.9% | ▼ | -3.9% |
| 22 | Gicumbi | 69.8% | 74.5% | ▼ | -4.7% |
| 23 | Gisagara | 69.7% | 70.1% | ▼ | -0.4% |
| 24 | Rusizi | 69.5% | 81.5% | ▼ | -12.0% |
| 25 | Nyamagabe | 69.2% | 55.1% | ▲ | 14.1% |
| 26 | Bugesera | 69.1% | 74.1% | ▼ | -5.0% |
| 27 | Ngororero | 66.8% | 72.8% | ▼ | -6.0% |
| 28 | Musanze | 65.8% | 74.2% | ▼ | -8.4% |
| 29 | Gatsibo | 63.9% | 76.9% | ▼ | -13.0% |
| 30 | Kayonza | 63.4% | 74.6% | ▼ | -11.2% |
| IMPUZANDENGO | | 72.8% | 74.1% | ▼ | -1.3% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023





# 1.5. UBUTAKA N'IMITURIRE




# 1.5.1. Intangiriro

Muri serivisi z'ubutaka n'imiturire hibanzwe ku bijyanye no kwandikisha ubutaka, gutanga ibyangombwa by'ubutaka, guhererekanya uburenganzira ku butaka, kubona amakuru ku gishushanyo mbonera, gukumira imyubakire y'akajagari, kurwanya imiturire yo mu manegeka, kubona icyangombwa cyo gusana no kubaka, gutura mu midugudu ndetse no kugeza ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa.

Ku bijyanye n'ibikorwa bibangamiye ibidukikije, harebwe gucana inkwi n'amakara, isuri, gutema amashyamba binyuranyije n'amategeko, kutubahiriza metero zagenwe mu kubungabunga ibishanga, imigezi n'inzuzi, ndetse no kudasiba ibyobo ahacukuwe kariyeri, ibumba n'amabuye y'agaciro.


Ishusho 44: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubutaka n'imiturire muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abaturage bazi serivisi z'ubutaka n'imiturire bazishima ku gipimo cya 60.4%, kikaba aricyo cyiciro gishimwa ku gipimo cyo hasi muri CRC ya 2023 nk'uko byari bimeze muri CRC 2022. Abagore bazishima ku gipimo cya 61.7% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 58.8%.


Ikarita 7: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka n'imiturire hakurikijwe uturere




Muri rusange nta karere na kamwe serivisi z'ubutaka n'imiturire zashimwe ku gipimo cya 75%. Mu Karere ka Nyagatare niho izi serivisi zishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 69.9% naho mu Karere ka Gicumbi zigashimwa ku gipimo cyo hasi cya 50.2%.

## 1.5.2. Serivisi z'ubutaka n'imiturire hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 45: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka n'imiturire hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 1.5.3. Serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi

Ishusho 46: Uko abaturage babona serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bazi serivisi z'ubutaka bashima gutura mu midugudu, kurwanya imiturire yo mu manegeka no gukumira imyubakire y'akajagari ku gipimo kiri hejuru ya 78%. Ku rundi ruhande, serivisi zindi zisigaye zishimwa ku gipimo cyo hasi, aho serivisi yo kubona amakuru ku gishushanyo mbonera ari yo ishimwa ku gipimo cyo hasi cya 37.8%.

Ku bijyanye n'ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa, uturere twa Muhanga, Nyamagabe, Ngororero, Gicumbi, Gatsibo na Gakenke nitwo dufite abanenga ku gipimo kiri hejuru ya 70%. Serivisi zo guhererekanya uburenganzira ku butaka, Akarere ka Ruhango niko konyine abaturage bazinenga ku gipimo kiri hejuru ya 70%.

## 1.5.4. Uko abagabo n'abagore babona serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka

Ishusho 47: Uko abagabo n'abagore babona serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Serivisi zo gutanga ibyangombwa by'ubutaka zishimwa ku gipimo cyo hasi cya 53.8%. Abagore bazishima ku gipimo cya 56.5% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 50.8%.

## 1.5.5. Uko abaturage babona ibikorwa bibangamira ibidukikije

Ishusho 48: Uko abaturage babona bimwe mu bikorwa bibangamira ibidukikije





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubushakashatsi bwagaragaje ko gucana inkwi n'amakara (79.9%) ndetse n'isuri (62.0%) ari byo biza imbere mu kubangamira ibidukikije.

## 1.5.6. Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka n'imiturire

Muri serivisi z'ubutaka n'imiturire hagaragajwe inzitizi zitandukanye nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira:

Ishusho 49: **Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka n'imiturire**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kutabona amakuru ahagije ku cyo ubutaka bugenewe gukoreshwa niyo nzitizi yagaragajwe cyane. Izindi nzitizi ziganje ni iminsi mike yagenewe serivisi z'ubutaka, gutinda kubona uruhushya rwo gukoresha ubutaka icyo bwagenewe, kutubahiriza igihe cyagenwe mu gutanga serivisi z'ubutaka, ndetse n'ubutaka butaberanye n'icyo bukoreshwa, aho biri ku gipimo kiri hejuru ya 45%.

## 1.5.7. IBYIFUZONAMA

- Kumenyekanisha igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka;
- Kwihutisha gutanga ibyangombwa by'ubutaka no kunoza ihererekanya ry'ubutaka.

Imbonerahamwe 12:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubutaka n'imiturire mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nyagatare | 69.9% | 50.2% | ▲ | 19.7% |
| 2 | Burera | 69.5% | 50.7% | ▲ | 18.8% |
| 3 | Gisagara | 68.2% | 68.4% | ▼ | -0.2% |
| 4 | Rwamagana | 66.7% | 54.8% | ▲ | 11.9% |
| 5 | Nyabihu | 66.6% | 65.6% | ▲ | 1.0% |
| 6 | Nyamagabe | 65.8% | 50.9% | ▲ | 14.9% |
| 7 | Rusizi | 65.4% | 79.8% | ▼ | -14.4% |
| 8 | Kicukiro | 64.9% | 64.8% | ▲ | 0.1% |
| 9 | Ngoma | 63.8% | 54.1% | ▲ | 9.7% |
| 10 | Kirehe | 63.3% | 58.9% | ▲ | 4.4% |
| 11 | Nyarugenge | 63.1% | 67.3% | ▼ | -4.2% |
| 12 | Muhanga | 62.6% | 64.1% | ▼ | -1.5% |
| 13 | Nyamasheke | 62.5% | 71.0% | ▼ | -8.5% |
| 14 | Kamonyi | 62.2% | 60.8% | ▲ | 1.4% |
| 15 | Rubavu | 61.2% | 53.4% | ▲ | 7.8% |
| 16 | Rutsiro | 61.2% | 53.2% | ▲ | 8.0% |
| 17 | Nyanza | 60.6% | 60.7% | ▼ | -0.1% |
| 18 | Nyaruguru | 59.5% | 63.1% | ▼ | -3.6% |
| 19 | Ngororero | 59.4% | 67.2% | ▼ | -7.8% |
| 20 | Bugesera | 57.7% | 60.5% | ▼ | -2.8% |
| 21 | Karongi | 57.4% | 64.4% | ▼ | -7.0% |
| 22 | Gakenke | 57.2% | 67.5% | ▼ | -10.3% |
| 23 | Gasabo | 56.9% | 57.6% | ▼ | -0.7% |
| 24 | Huye | 55.1% | 59.7% | ▼ | -4.6% |
| 25 | Musanze | 54.4% | 58.2% | ▼ | -3.8% |
| 26 | Gatsibo | 53.1% | 64.6% | ▼ | -11.5% |
| 27 | Kayonza | 51.7% | 56.3% | ▼ | -4.6% |
| 28 | Rulindo | 51.2% | 56.0% | ▼ | -4.8% |
| 29 | Ruhango | 51.2% | 59.7% | ▼ | -8.5% |
| 30 | Gicumbi | 50.2% | 56.1% | ▼ | -5.9% |
| | IMPUZANDENGO | 60.4% | 60.5% | ▼ | -0.1% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023




## 1.6. URWEGO RW' ABIKORERA



## 1.6.1. Intangiriro

Urwego rw'abikorera rugira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu ndetse n'imibereho myiza y'abaturage muri rusange. Ni muri urwo rwego abaturage bagaragaje uko babona zimwe muri serivisi bagezwaho mu rwego rw'abikorera harimo gutwara abantu muri bisi, gutwara abantu kuri moto, serivisi zo mu masoko no mu maduka, guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni, ibimina, SACCO, banki z'ubucuruzi, ibigo by'imari iciriritse, ndetse n'imikorere y'amakoperative.


Ishusho 50: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'urwego rw'abikorera muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Serivisi z'urwego rw'abikorera zishimwa ku gipimo cya 76.2% zikaba zarazamutseho 1.3% ugereranyije na CRC 2022. Abagore bazishima ku gipimo cya 77.3% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 75.2%.


Ikarita 8: Uko abaturage babona serivisi z'abikorera hakurikijwe uturere




Serivisi z'urwego rw'abikorera zirashimwa ku gipimo nibura cya 80% mu turere twa Rubavu, Burera, Kicukiro, Ngoma, Kamonyi na Nyagatare. Ku rundi ruhande, izo serivisi zirashimwa ku gipimo kiri munsi ya 70% mu turere twa Nyamagabe, Rusizi na Ngororero.

## 1.6.2. Serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 51: Uko abaturage bashima serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 1.6.3. Uko abaturage babona serivisi z'urwego rw'abikorera

Ishusho 52: Uko abaturage babona serivisi z'urwego rw' abikorera





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri serivisi z'urwego rw'abikorera, serivisi zo gutwara abantu kuri moto nizo zishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 72.9%. Serivisi zo gutwara abantu muri bisi nizo abaturage bakomeje gushima ku gipimo cyo hasi cya 44.7% aho zamanutseho 3.9% zivuye kuri 48.6% muri CRC 2022. Ibi bigaragaza ko iyi serivisi ikiri imbogamizi ku rujya n'uruza rw'abantu bityo bikadindiza n'iterambere rusange.

## 1.6.4. Abagabo n'abagore bakorana n'ibigo by'imari


Ishusho 53: **Abagabo n'abagore bakorana n'ibigo by'imari**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ku byerekeranye n'abaturage bakorana n'ibigo by'imari, 90.2% by'abagabo babajijwe bemeje ko bakorana n'ibigo by'imari mu gihe abagore 87.7% ari bo babyemeje. Iki gipimo kiragaragaza ko umubare w'abaturage bakorana n'ibigo by'imari ugenda uzamuka nk'uko binagaragazwa n'ibipimo bya Minisiteri y'imari n'igenamigambi mu cyegarenyo cyayo cy'uko abaturage bakorana n'ibigo by'imari (FinScope survey,2020) aho iki gipimo kiri kuri 93.0%.

Ishusho 54: Uko urubyiruko rukorana n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kimwe no ku bandi baturage, urubyiruko rukoresha cyane Mobile money na Airtel money ugereranije n'ibindi bigo by'imari.

## 1.6.5. Uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira

Ishusho 55: Uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubushakashatsi bugaragaza ko abaturage 88.8% ari bo bakorana n'ibigo by'imari (banki, ibimina/amatsinda n'ibindi bigo bibika amafaranga kuri telefoni).

Muri bo, urubyiruko rungana na 22.9%. Ku bijyanye n'uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira, ikimina ni cyo kiza imbere (79.8%) hagakurikiraho Mobile money na Airtel money (53.4%). Ku rundi ruhande abaturage 48.6% bemeje ko bizigamira muri Ejo Heza bakaba barazamutse bavuye kuri 38.9% muri CRC 2022. Mu bemeje ko bizigamira muri Ejo Heza urubyiruko rungana na 20.7%.

## 1.6.6. Serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse

Ishusho 56: Uko abaturage babona serivisi bahabwa n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange serivisi zihabwa abakorana n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse zishimwa ku bipimo biri hejuru ya 86%. Serivisi za Mobile Money na Airtel Money ni zo zishimwa cyane n'abazikoresha ku gipimo cya 94.9%.

## 1.6.7. Imikorere y'amakoperative

### 1.6.7.1. Imikorere y'amakoperative

Ishusho 57: **Uko abanyamuryango b'amakoperative babona imikorere yayo**





Abanyamuryango b'amakoperative bashima imikorere yayo ku gipimo cya 84.7%. Abaturage bo mu karere ka Rwamagana nibo bashima imikorere y'amakoperative ku gipimo cyo hejuru cya 94.0% mu gihe mu Karere ka Bugesera bashima ku gipimo cyo hasi cya 67.6%.

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 1.6.7.2. Imbogamizi mu mikorere y'amakoperative

Ishusho 58: **Imbogamizi zagaragajwe mu mikorere y'amakoperative**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abanyamuryango b'amakoperative bagaragaje ko imbogamizi iza ku isonga ari imicungire itanoze.

## 1.6.8. IBYIFUZONAMA

- Gushyiraho ingamba zihamye kandi zirambye zo gukemura ibibazo bikigaragara muri serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange;
- Gukomeza kubaka umuco wo gutanga serivisi inoze mu rwego rw'abikorera by'umwihariko mu mahoteri, resitora, utubari, amasoko n'amaduka;
- Gukomeza kunoza imiyoborere, imicungire n'imikorere y'amakoperative ndeste no gukangurira abaturage kuyitabira.

Imbonerahamwe 13:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'abikorera mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 83.6% | 77.0% | ▲ | 6.6% |
| 2 | Burera | 82.7% | 67.1% | ▲ | 15.6% |
| 3 | Kicukiro | 81.9% | 78.1% | ▲ | 3.8% |
| 4 | Ngoma | 80.7% | 71.5% | ▲ | 9.2% |
| 5 | Kamonyi | 80.1% | 77.5% | ▲ | 2.6% |
| 6 | Nyagatare | 80.1% | 76.8% | ▲ | 3.3% |
| 7 | Gisagara | 79.8% | 83.5% | ▼ | -3.7% |
| 8 | Nyamasheke | 79.8% | 68.7% | ▲ | 11.1% |
| 9 | Huye | 79.1% | 74.9% | ▲ | 4.2% |
| 10 | Nyarugenge | 78.5% | 80.9% | ▼ | -2.4% |
| 11 | Karongi | 77.9% | 72.9% | ▲ | 5.0% |
| 12 | Rutsiro | 77.9% | 64.3% | ▲ | 13.6% |
| 13 | Rwamagana | 76.9% | 75.5% | ▲ | 1.4% |
| 14 | Nyaruguru | 76.4% | 80.6% | ▼ | -4.2% |
| 15 | Nyanza | 76.0% | 80.4% | ▼ | -4.4% |
| 16 | Gasabo | 75.5% | 77.5% | ▼ | -2.0% |
| 17 | Gatsibo | 75.5% | 82.8% | ▼ | -7.3% |
| 18 | Rulindo | 74.8% | 68.9% | ▲ | 5.9% |
| 19 | Kirehe | 74.6% | 79.0% | ▼ | -4.4% |
| 20 | Ruhango | 73.9% | 75.0% | ▼ | -1.1% |
| 21 | Gakenke | 73.8% | 73.7% | ▲ | 0.1% |
| 22 | Nyabihu | 73.5% | 71.7% | ▲ | 1.8% |
| 23 | Bugesera | 73.2% | 71.3% | ▲ | 1.9% |
| 24 | Kayonza | 73.1% | 78.0% | ▼ | -4.9% |
| 25 | Gicumbi | 72.8% | 70.2% | ▲ | 2.6% |
| 26 | Muhanga | 71.7% | 74.7% | ▼ | -3.0% |
| 27 | Musanze | 71.4% | 75.7% | ▼ | -4.3% |
| 28 | Nyamagabe | 69.8% | 63.6% | ▲ | 6.2% |
| 29 | Rusizi | 68.7% | 80.5% | ▼ | -11.8% |
| 30 | Ngororero | 67.5% | 71.2% | ▼ | -3.7% |
| | IMPUZANDENGO | 76.2% | 74.9% | ▲ | 1.3% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

2

# INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE






# 2.1. UBUREZI



## 2. 1.1. Intangiriro

Uburezi bufite ireme kuri bose, ni imwe mu ntego z'icyerekezo 2050. Ni muri urwo rwego, Uburezi buzibanda mu kubaka ubushobozi bukenewe ku isoko ry'umurimo, by'umwihariko mu nganda na serivisi bigezweho bizagira uruhare runini mu bukungu bw'u Rwanda. Leta y' u Rwanda ikomeje gufata ingamba zitandukanye kugira ngo urwego rw'Uburezi rurusheho gukomeza gutera imbere. CRC 2023 yibanze kuri gahunda zitandukanye z'uburezi zirimo: inyubako z'amashuri, amazi meza ku mashuri, amashanyarazi ku mashuri, isuku ku mashuri (ubwiherero bw'abanyeshuri, igikoni, aho abanyeshuri barara, ubwogero), gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri, kugabanya ubucucike bw'abana mu mashuri, imyigire y'abana , uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana, uruhare rwa komite y'ababyeyi n'abarimu (PTA) mu micungire y'amashuri, uruhare rw'abayobozi b'amashuri mu micungire n'imikorere y'amashuri, icyumba cy'umukobwa ku ishuri n'imyitwarire y'abarimu mu mashuri.


Ishusho 59: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'uburezi muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

CRC 2023 igaragaza ko abaturage bashima uburezi ku gipimo cya 76.4% kivuye kuri 72.2% mu mwaka wa 2022, bikaba bigaragara ko uburezi bwazamutse ku gipimo cya 4.2%. Abagore bashima serivisi z'uburezi ku gipimo cya 76.1% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 76.6%.


Ikarita 9: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi hakurikijwe uturere




Muri uyu mwaka, uturere dutanu (5) ni two abaturage bashima serivisi z'uburezi ku gipimo kiri hejuru ya 80% aho Akarere ka Rubavu ari ko kaza ku isonga ku gipimo cya 83.3%. Mu Karere ka Gatsibo niho abaturage bashima serivisi z'uburezi ku gipimo cyo hasi cya 67.2%.

## 2.1.2. Serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 60: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 2.1.3. Ibikorwa na zimwe muri serivisi zo mu rwego rw'uburezi

Ishusho 61: Uko abaturage babona ibikorwa na zimwe muri serivisi zo mu rwego rw'uburezi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Inyubako z'amashuri ni cyo gikorwa kiza ku isonga mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 85.1%. Serivisi y'amazi meza ku mashuri ni yo abaturage bashima ku gipimo cyo hasi cya 67.2%. Gutanga ifunguro rya saa sita niyo serivisi yazamutse cyane kuko yavuye kuri 59.6% muri CRC 2022 ikagera kuri 74.9% uyu mwaka. Ibi bifitanye isano n'amavugurura yakozwe muri iyi gahunda yo kugaburira abana ku mashuri.

## 2.1.4. Uko abaturage babona kwegerezwa amashuri mu rwego rw'uburezi


Ishusho 62: Uko abaturage babona kwegerezwa amashuri mu rwego rw'uburezi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Amashuri abanza ni yo yegereye abaturage cyane ku gipimo cya 97.9%, mu gihe amashuri y'imyuga akiri make kuko abemeza ko abegereye bari ku gipimo cya 43.3%, mu gihe Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi iteganya ko 60% by'abana bazaba bari mu mashuri y'imyuga mu mwaka wa 2024.

Ishusho 63: Uko abagabo n'abagore babona uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana ruri ku gipimo cya 72.7% ruvuye ku gipimo cya 67.4% muri CRC 2022. Abagore bashima uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana ku gipimo cya 73% naho abagabo bakarushima ku gipimo cya 72.4%.

## 2.1.5. Inzitizi abaturage babona ko zibangamira uburezi


Ishusho 64: **Inzitizi abaturage babona zikiri mu burezi**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abana bata ishuri ni imwe mu nzitizi ikomeje kugaragazwa n'abaturage mu kubangamira iterambere ry'uburezi ku gipimo cya 76.7%. Ku rundi ruhande, imyitwarire mibi y'abarimu n'abayobozi b'amashuri niyo yagaragajwe ku gipimo cyo hasi nk'imbogamizi ku iterambere ry'uburezi.

Ishusho 65: **Impamvu zitera abana guta ishuri**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abaturage bagaragaje ko abangavu baterwa inda ari yo mpamvu iza ku isonga mu bituma abana bata ishuri. Izi mpamvu zose zituma abana bata ishuri zibangamira kugera ku ntego y'uburezi kuri bose, by'umwihariko ku bana b'abakobwa.

## 2.1.6. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza ubufatanye bw'ababyeyi, ubuyobozi bw'amashuri ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu kunoza gahunda yo gutanga ifunguro ryo ku manywa mu mashuri;
- Gukomeza kongera umubare w'amashuri y'imyuga n'ayisumbuye mu rwego rwo kuzamura ubukungu bushingiye ku bumenyi;
- Gukomeza gukangurira ababyeyi kugira uruhare rugaragara mu burezi n'uburere bw'abana.

Imbonerahamwe 14:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'uburezi mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 83.3% | 72.0% | ▲ | 11.3% |
| 2 | Nyamasheke | 82.8% | 77.5% | ▲ | 5.3% |
| 3 | Kicukiro | 80.9% | 76.3% | ▲ | 4.6% |
| 4 | Rutsiro | 80.9% | 72.5% | ▲ | 8.4% |
| 5 | Karongi | 80.7% | 69.1% | ▲ | 11.6% |
| 6 | Burera | 79.8% | 69.2% | ▲ | 10.6% |
| 7 | Rwamagana | 79.6% | 75.7% | ▲ | 3.9% |
| 8 | Rulindo | 79.3% | 69.2% | ▲ | 10.1% |
| 9 | Kamonyi | 79.2% | 72.9% | ▲ | 6.3% |
| 10 | Ngoma | 79.2% | 70.9% | ▲ | 8.3% |
| 11 | Huye | 78.9% | 66.6% | ▲ | 12.3% |
| 12 | Nyaruguru | 77.9% | 73.3% | ▲ | 4.6% |
| 13 | Gasabo | 77.6% | 77.5% | ▲ | 0.1% |
| 14 | Nyarugenge | 77.5% | 76.4% | ▲ | 1.1% |
| 15 | Kirehe | 77.5% | 71.2% | ▲ | 6.3% |
| 16 | Nyabihu | 77.4% | 74.7% | ▲ | 2.7% |
| 17 | Rusizi | 77.2% | 83.0% | ▼ | -5.8% |
| 18 | Gisagara | 76.2% | 76.1% | ▲ | 0.1% |
| 19 | Gicumbi | 75.7% | 72.5% | ▲ | 3.2% |
| 20 | Nyagatare | 75.6% | 65.7% | ▲ | 9.9% |
| 21 | Gakenke | 75.4% | 74.2% | ▲ | 1.2% |
| 22 | Nyamagabe | 74.9% | 57.9% | ▲ | 17.0% |
| 23 | Nyanza | 72.9% | 70.5% | ▲ | 2.4% |
| 24 | Ruhango | 72.9% | 70.8% | ▲ | 2.1% |
| 25 | Muhanga | 72.1% | 66.5% | ▲ | 5.6% |
| 26 | Bugesera | 72.1% | 70.4% | ▲ | 1.7% |
| 27 | Kayonza | 69.9% | 72.5% | ▼ | -2.6% |
| 28 | Musanze | 69.6% | 70.8% | ▼ | -1.2% |
| 29 | Ngororero | 67.5% | 73.6% | ▼ | -6.1% |
| 30 | Gatsibo | 67.2% | 76.5% | ▼ | -9.3% |
| IMPUZANDENGO | | 76.4% | 72.2% | ▲ | 4.2% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023




# 2.2. UBUZIMA

## 2.2.1. Intangiriro

Uburyo bwo gutanga serivisi z'ubuzima bugenda butezwa imbere bugezwa ku nzego zegereye abaturage. Abarwayi barushaho kubona ubuvuzi bw'ibanze bubegereye n'ubuvuzi bwihariye mu mavuriro abegereye.

Mu rwego rw'ubuzima, CRC 2023 yibanze kuri serivisi zirimo kwakira no kwita ku barwayi, ubwisungane mu kwivuza, kubona imiti, ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro, abaganga bahagije, kuboneza urubyaro, abajyanama b'ubuzima, gukingira indwara, ubukangurambaga mu birebana n'imirire, serivisi z'imbangukiragutabara, kwita ku bagore batwite n'ububyaza, kwishyuza kwa muganga ndetse n'imikorere y'umukozi ushinzwe mituweli kwa muganga.


Ishusho 66: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubuzima muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubu bushakashatsi bugaragaza ko igipimo cyo gushima serivisi z'ubuzima cyasubiye inyuma aho cyavuye kuri 79.1% muri CRC 2022 kikagera kuri 77.9% uyu mwaka. Abagore bashima izi serivisi ku gipimo cya 78.1% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 77.6%.


Ikarita 10: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima hakurikijwe uturere




Akarere ka Rubavu ni ko kaza ku isonga mu gushima serivisi z'ubuzima ku gipimo cya 84.4% kivuye kuri 76.7% muri CRC 2022. Akarere ka Kayonza ni ko kaza inyuma mu gushima serivisi z'ubuzima ku gipimo cya 70% kivuye kuri 82.9% muri CRC 2022.

## 2.2.2. Serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 67: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 2.2.3. Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima zitandukanye

Ishusho 68: Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima zitandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri serivisi z'ubuzima, imyaka ine ishize, CRC igaragaza ko serivisi zo gukingira indwara, serivisi z'abajyanama b'ubuzima ndetse na serivisi zo kuboneza urubyaro zikomeje kuza ku isonga mu gushimwa n'abaturage. Ku rundi ruhande, umubare w'abaganga bahagije no kubona imiti nibyo bishimwa ku gipimo cyo hasi.

## 2.2.4. Uko abaturage babona imikorere y'amavuriro

Ishusho 69: **Uko abaturage babona babona imikorere y'amavuriro**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Igipimo cy'uko abaturage bashima serivisi bahabwa n'ibitaro cyarazamutse kiva kuri 65.5% muri CRC 2022 kigera kuri 68.9% uyu mwaka. Ku bigo nderabuzima igipimo cyasubiye inyuma aho cyavuye kuri 65% muri CRC 2022 kikagera kuri 62.4% uyu mwaka, naho ku mavuriro y'ibanze (postes de santé) igipimo cya serivisi cyarazamutse kiva kuri 48.1% muri CRC 2022 kigera kuri 49.9% muri CRC 2023. Muri rusange abaturage bashima serivisi zitangwa n'amavuriro yigenga ku gipimo cya 44.9%. Abaturage bagaragaje ko batazi serivisi zitagwa n'amavuriro y'ibanze n'ayigenga ku bipimo bya 26.3% na 49.3%. Ibi byaba bifitanye isano n'uko amavuriro yigenga atarakwira hose ndetse akaba atoroheye buri wese. Ku birebana n'amavuriro y'ibanze, kuba atazwi n'abaturage benshi byaba bifitanye isano n'uko hari aho ataragera, aho ari usanga imicungire n'imikorere byayo bitaranoga, hakaba n'adakora kandi inyubako zihari.

## 2.2.5. IBYIFUZONAMA

- Kongera umubare w'abaganga n'abaforomo mu mavuriro;
- Kwegereza abaturage amavuriro y'ibanze aho ataragera no kunoza imikorere y'ahari;
- Gukurikirana mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi mu mavuriro.

Imbonerahamwe 15:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubuzima mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022- 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 84.4% | 76.7% | ▲ | 7.7% |
| 2 | Burera | 84.0% | 77.8% | ▲ | 6.2% |
| 3 | Rwamagana | 83.1% | 82.7% | ▲ | 0.4% |
| 4 | Rutsiro | 82.9% | 77.4% | ▲ | 5.5% |
| 5 | Ngoma | 81.8% | 75.9% | ▲ | 5.9% |
| 6 | Gakenke | 81.6% | 87.0% | ▼ | -5.4% |
| 7 | Nyagatare | 81.6% | 74.8% | ▲ | 6.8% |
| 8 | Nyamagabe | 81.3% | 72.0% | ▲ | 9.3% |
| 9 | Nyabihu | 81.3% | 85.1% | ▼ | -3.8% |
| 10 | Gisagara | 81.1% | 87.9% | ▼ | -6.8% |
| 11 | Karongi | 80.0% | 79.1% | ▲ | 0.9% |
| 12 | Rulindo | 79.9% | 75.3% | ▲ | 4.6% |
| 13 | Kirehe | 79.3% | 81.3% | ▼ | -2.0% |
| 14 | Gicumbi | 79.2% | 78.6% | ▲ | 0.6% |
| 15 | Muhanga | 79.0% | 81.6% | ▼ | -2.6% |
| 16 | Nyaruguru | 78.9% | 84.3% | ▼ | -5.4% |
| 17 | Nyanza | 77.5% | 82.5% | ▼ | -5.0% |
| 18 | Gatsibo | 77.1% | 84.8% | ▼ | -7.7% |
| 19 | Kamonyi | 76.5% | 80.2% | ▼ | -3.7% |
| 20 | Huye | 75.6% | 76.8% | ▼ | -1.2% |
| 21 | Ruhango | 75.0% | 81.6% | ▼ | -6.6% |
| 22 | Nyarugenge | 74.9% | 78.2% | ▼ | -3.3% |
| 23 | Gasabo | 74.0% | 74.4% | ▼ | -0.4% |
| 24 | Rusizi | 74.0% | 83.4% | ▼ | -9.4% |
| 25 | Kicukiro | 73.8% | 75.1% | ▼ | -1.3% |
| 26 | Nyamasheke | 73.8% | 78.9% | ▼ | -5.1% |
| 27 | Ngororero | 73.7% | 78.8% | ▼ | -5.1% |
| 28 | Bugesera | 71.9% | 73.6% | ▼ | -1.7% |
| 29 | Musanze | 70.8% | 70.0% | ▲ | 0.8% |
| 30 | Kayonza | 70.0% | 82.9% | ▼ | -12.9% |
| IMPUZANDENGO | | 77.9% | 79.1% | ▼ | -1.2% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023




# 2.3. ISUKU

## 2. 3.1. Intangiriro

Amazi meza, ubwiherero bufite ibyangombwa by'ibanze, n'umuco wo kugira isuku ni ibintu by'ingenzi mu buzima bw'abagize umuryango. Mu rwego rwo kurushaho kwita ku isuku, abaturage bagaragaza uko babona isuku ahantu hatandukanye harimo amavuriro, amasoko, ibiro by'inzego z'ibanze, amaresitora n'utubari no mu ngo z'abaturage. Abaturage kandi bagaragaza uko bashima isuku yo mu bwiherero mu ngo zabo, ku mubiri n'imyambaro.

Ishusho 70: **Uko abagabo n'abagore babona isuku muri rusange**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange, abaturage bashima isuku ku gipimo cya 73.8%, aho abagore bashima kuri 77.1% naho abagabo bagashima kuri 75.3%.

Biragaragara ko isuku igenda isubira  inyuma nk'uko bigaragara mu bipimo bikurikira: 81% (CRC 2021), 76.3% (CRC 2022), na 73.8% (CRC 2023). Ibi bikaba bigaragaza ko habayeho kudohoka ku ngamba zo kwita ku isuku mu baturage.

Ikarita 11: Uko abaturage babona isuku hakurikijwe uturere





Akarere ka Kicukiro niko kaza ku isonga aho abaturage bashima isuku ku gipimo cya 88.9%. Utundi turere abaturage bashima isuku ku gipimo cyo hejuru ya 80% ni Nyamasheke, Rwamagana, Gasabo, Nyagatare na Nyarugenge. Mu Karere ka Ngororero ni ho abaturage bashima isuku ku gipimo cyo hasi cya 57% kivuye kuri 67.1% muri CRC 2022.

Uturere twa Nyagatare, Karongi na Rwamagana nitwo twagize impinduka nziza ya 13.6%, 12.8% na 12.1% ugereranije n'umwaka ushize naho uturere twasubiye inyuma ni Gatsibo, Ruhango na Kamonyi byagabanutseho 15.4%, 14% na 13.9%.

## 2.3.2. Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 71: Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 2.3.3. Uko abaturage babona isuku ahantu hatandukanye

Ishusho 72: Uko abaturage babona isuku ahantu hatandukanye





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Isuku ku mavuriro ni yo ishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 94.1%, ikaba ikomeje kuza ku isonga mu myaka itatu ishize. Isuku ku biro by'inzego z'ibanze yazamutseho 11.9% ivuye kuri 81.2% muri CRC 2022. Ku rundi ruhande, isuku yo mu bwiherero niyo iri ku gipimo cyo hasi cya 57.1%.

## 2.3.4 Bimwe mu byo abaturage babona bitera umwanda

Ishusho 73: **Bimwe mu byo abaturage babona bitera umwanda**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Imyumvire iri hasi ku isuku no kutagira ubwiherero bwujuje ibisabwa ni byo abaturage bagaragaza ko biza imbere mu gutera umwanda. Ikibazo cyo kutagira ubwiherero bwujuje ibisabwa cyariyongereye aho cyavuye kuri 55.2% muri CRC 2022 kikagera kuri 73.3% uyu mwaka.

## 2.3.5. IBYIFUZONAMA

- Kongera ubukangurambaga bugamije kuzamura imyumvire y'abaturage ku isuku;
- Gukomeza gukangurira abaturage kugira ubwiherero bwujuje ibisabwa no kubukorera isuku;
- Gushyiraho uburyo buhamye kandi buhoraho bwo kugenzura isuku;
- Gukaza ingamba zikemura ikibazo gituma abaturage bararana n'amatungo.

Imbonerahamwe 16:
Uko uturere duhagaze muri serivisi z'isuku mu myaka ibiri (2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 88.9% | 86.6% | ▲ | 2.3% |
| 2 | Nyamasheke | 84.2% | 78.6% | ▲ | 5.6% |
| 3 | Rwamagana | 83.6% | 71.6% | ▲ | 12.0% |
| 4 | Gasabo | 82.3% | 83.4% | ▼ | -1.1% |
| 5 | Nyarugenge | 82.2% | 87.4% | ▼ | -5.2% |
| 6 | Nyagatare | 82.2% | 68.6% | ▲ | 13.6% |
| 7 | Rubavu | 79.7% | 81.9% | ▼ | -2.2% |
| 8 | Burera | 79.1% | 71.2% | ▲ | 7.9% |
| 9 | Nyabihu | 77.6% | 82.2% | ▼ | -4.6% |
| 10 | Kirehe | 76.4% | 76.5% | ▼ | -0.1% |
| 11 | Karongi | 76.0% | 63.3% | ▲ | 12.7% |
| 12 | Ngoma | 73.3% | 78.1% | ▼ | -4.8% |
| 13 | Bugesera | 73.1% | 71.8% | ▲ | 1.3% |
| 14 | Nyamagabe | 73.0% | 64.5% | ▲ | 8.5% |
| 15 | Gakenke | 73.0% | 84.6% | ▼ | -11.6% |
| 16 | Rusizi | 72.2% | 80.5% | ▼ | -8.3% |
| 17 | Gisagara | 71.6% | 73.1% | ▼ | -1.5% |
| 18 | Rutsiro | 71.5% | 74.1% | ▼ | -2.6% |
| 19 | Rulindo | 71.1% | 78.3% | ▼ | -7.2% |
| 20 | Kamonyi | 70.8% | 84.7% | ▼ | -13.9% |
| 21 | Gicumbi | 69.8% | 73.0% | ▼ | -3.2% |
| 22 | Huye | 69.1% | 74.2% | ▼ | -5.1% |
| 23 | Nyaruguru | 68.9% | 70.0% | ▼ | -1.1% |
| 24 | Gatsibo | 68.7% | 84.1% | ▼ | -15.4% |
| 25 | Nyanza | 66.7% | 73.0% | ▼ | -6.3% |
| 26 | Musanze | 66.5% | 72.1% | ▼ | -5.6% |
| 27 | Muhanga | 66.2% | 77.0% | ▼ | -10.8% |
| 28 | Ruhango | 66.1% | 80.1% | ▼ | -14.0% |
| 29 | Kayonza | 65.5% | 74.7% | ▼ | -9.2% |
| 30 | Ngororero | 57.0% | 67.1% | ▼ | -10.1% |
| | IMPUZANDENGO | 73.8% | 76.3% | ▼ | -2.5% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Girinka



## 2.4. GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE




## 2.4.1. Intangiriro

Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye mu rwego rwo kurushaho kubafasha kwiteza imbere no kwigira. Ubu bushakashatsi bwibanze kuri zimwe muri izo gahunda arizo: VUP, Girinka, Ubudehe mu mudugudu ndetse no kubakira abatishoboye.

Kubera amavugurura yatangiye muri gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye, ubu bushakashatsi bwifashishije amakuru yakusanyijwe muri CRC 2022 kuri iki cyiciro.


Ishusho 74: **Uko abagabo n'abagore babona gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye muri rusange**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zishimwa ku gipimo cya 71.8%. Abagore bazishima ku gipimo cya 72.3%, abagabo bakazishima ku gipimo cya 71.1%.


Ikarita 12: Uko abaturage bashima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe uturere




Mu Turere twa Nyabihu na Gakenke ni ho abaturage bashima cyane gahunda yo kwita ku batishoboye no kuzamura imibereho yabo ku bipimo byo hejuru bya 82.2% na 80.8% naho mu Turere twa Gasabo na Kicukiro ni ho ibipimo cyo gushima izi gahunda biri hasi kuri 58.2% na 57.1%.

## 2.4.2. Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 75: Uko abaturage bashima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 2.4.3. Guhitamo abagenerwabikorwa ba gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zakoreweho ubushakashatsi


Ishusho 76: Uko abaturage babona guhitamo abagenerwabikorwa ba gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zakoreweho ubushakashatsi




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Guhitamo abagenerwabikorwa ba gahunda yo kubakira abatishoboye ni byo bishimwa kurusha ibindi ku gipimo cya 66.6% mu gihe guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka ari byo biri ku gipimo cyo hasi cya 55.5%.

Ishusho 77: **Uko abaturage babona ishyirwamubikorwa rya gahunda ya VUP**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abaturage bashima ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo y'amaboko ihemberwa muri VUP ku gipimo cya 81.6% mu gihe inkunga y'ingoboka ishimwa ku gipimo cya 81.3%. Gushima inguzanyo z'imishinga ya VUP birashimwa ku gipimo cya 77.2%.


## 2.4.4. Zimwe mu nzitizi zagaragajwe zibangamira gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye

Ishusho 78: **Zimwe mu nzitizi zagaragajwe zibangamira gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri gahunda ya Girinka, inzitizi zagaragajwe kurusha izindi ni imikorere mibi y'abayobozi (91.3%), ikimenyane (80%) ndetse n'akarengane (77.8%). Izi nzitizi ni nazo ziganje muri gahunda ya VUP aho imikorere mibi y'abayobozi iri ku gipimo cya 88.2%, akarengane kuri 75.1% n'ikimenyane kuri 74.7%.




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri gahunda y'ubudehe mu mudugudu, imikorere mibi y'abayobozi ni yo nzitizi igaragazwa cyane n'abaturage ku gipimo cya 82.5%. Iyi nzitizi ni nayo yagaragajwe cyane n'abaturage ku gipimo cya 85.7% muri gahunda yo kubakira abatishoboye. Muri rusange, imikorere mibi y'abayobozi ni cyo kibazo gikomeye muri gahunda zose zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye. Izindi mpamvu zigaragazwa ku gipimo cyo hejuru ni ikimenyane n'akarengane.

## 2.4.5. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza gukorera mu mucyo no kugaragariza abaturage ibibakorerwa muri gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye;
- Kunoza uburyo bwo guhitamo abagenerwabikorwa muri gahunda zitandukanye zifasha abatishoboye.

Imbonerahamwe 17:
Uko uturere duhagaze muri serivisi zo kuzamura imibereho myiza no kwita ku batishoboye

| Nº | AKARERE | CRC 2022/AMANOTA (%) |
|---|---|---|
| 1 | Nyabihu | 82.2% |
| 2 | Gakenke | 80.8% |
| 3 | Muhanga | 79.9% |
| 4 | Gisagara | 79.4% |
| 5 | Rusizi | 79.0% |
| 6 | Kirehe | 78.5% |
| 7 | Ngororero | 77.3% |
| 8 | Ruhango | 76.0% |
| 9 | Nyanza | 75.8% |
| 10 | Karongi | 75.8% |
| 11 | Nyaruguru | 75.5% |
| 12 | Ngoma | 75.3% |
| 13 | Gicumbi | 75.2% |
| 14 | Gatsibo | 74.3% |
| 15 | Musanze | 73.1% |
| 16 | Kamonyi | 72.5% |
| 17 | Rwamagana | 72.0% |
| 18 | Huye | 71.2% |
| 19 | Rulindo | 70.8% |
| 20 | Bugesera | 70.1% |
| 21 | Rutsiro | 69.9% |
| 22 | Nyamagabe | 69.3% |
| 23 | Kayonza | 68.3% |
| 24 | Rubavu | 67.8% |
| 25 | Nyamasheke | 67.8% |
| 26 | Burera | 64.8% |
| 27 | Nyarugenge | 63.5% |
| 28 | Nyagatare | 60.7% |
| 29 | Gasabo | 58.2% |
| 30 | Kicukiro | 57.1% |
| IMPUZANDENGO | | 71.8% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2022




# 2.5. IMIBEREHO Y'UMURYANGO NYARWANDA

## 2.5.1. Intangiriro

Umuryango Nyarwanda ni wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda. Umuryango urengerwa na Leta bityo rero niyo mpamvu muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi, Leta yiyemeje kuzibanda ku kuzamura imibereho myiza y'umuryango.

Ku birebana n'imibereho y'Umuryango Nyarwanda, ubushakashatsi bwibanze kuri ibi bikurikira: kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore, gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango, kubahiriza uburenganzira bw'abana, kwita ku buzima bw'abafite ubumuga mu muryango, kwita ku buzima bw'abageze mu za bukuru mu muryango, ibibazo byo mu miryango n'impamvu zibitera.


Ishusho 79: Uko abagabo n'abagore babona imibereho y'Umuryango Nyarwanda muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange, abaturage bashima serivisi zijyanye no kwita ku Muryango Nyarwanda ku gipimo kiri hasi ugereranyije n'umwaka ushize aho cyavuye kuri 77% umwaka ushize kikagera kuri 75.1% muri CRC 2023. Abagabo bashima ku gipimo cya 77.4% naho abagore bagashima kuri 73.2%.


Ikarita 13: Uko abaturage bashima imibereho y'Umuryango Nyarwanda hakurikijwe uturere




Mu Turere twa Nyabihu, Nyamasheke, Burera, Rubavu, Kicukiro na Nyamagabe niho abaturage bashima imibereho y'Umuryango Nyarwanda ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, Uturere twa Kamonyi, Muhanga na Ngororero nitwo tuza inyuma muri uyu mwaka ku bipimo bya 68.7%, 68.2% na 68.0%.

## 2.5.2. Imibereho y'umuryango hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 80: Uko abaturage bashima imibereho y'Umuryango Nyarwanda hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 2.5.3. Ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'Umuryango Nyarwanda


Ishusho 81: **Uko abaturage babona gahunda zitandukanye zo guteza imbere imibereho y'Umuryango Nyarwanda**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kwita ku buzima bw'abageze mu zabukuru ni byo biza ku isonga mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 73.2% naho gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango nibyo bishimwa ku gipimo cyo hasi cya 55.6%.


Ishusho 82: **Uko abagabo n'abagore babona ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'Umuryango Nyarwanda**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Mu cyiciro cy'imibereho y'umuryango, abagabo ni bo bashima ibikorwa bibungabunga umuryango ku bipimo biri hejuru. Ibirebana no kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ndetse no gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango abagore babishima ku bipimo biri hasi. Ibi bigaragaza ko abagore n'abagabo bafite imyumvire itandukanye ku bijyanye n'ihame ry'uburinganire ndetse n'imikoreshereze y'umutungo w'umuryango.

Ishusho 83: Uko urubyiruko rubona ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'Umuryango Nyarwanda





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kimwe n'abandi Banyarwanda, urubyiruko rushima ku gipimo cyo hasi iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ndetse no gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango.

## 2.5.4. Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango

Ishusho 84: Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje ko hakiri ibibazo mu miryango, aho amakimbirane, guharika no gucana inyuma kw'abashakanye, guhoza ku nkenke no gutoteza, ihohoterwa rishingiye ku mutungo, n'abangavu batewe inda bemeje ko byabaye mu miryango yabo ku gipimo kiri hejuru ya 10%. Ugereranyije na CRC 2022, guharika no gucana inyuma kw'abashakanye byiyongereyeho 5.4%, amakimbirane mu miryango yiyongeraho 3.7%, naho ikibazo cy'abangavu batewe inda cyiyongeraho 2.9%.

### 2.5.5. Uko abaturage babona ihohoterwa rikorerwa ibyiciro bitandukanye by'abagize umuryango

Ishusho 85: **Uko abaturage babona ihohoterwa rikorerwa ibyiciro bitandukanye by'abagize umuryango**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange ibyiciro byakoreweho ubushakashatsi by'abagize umuryango, abaturage bagaragaje ko ihohoterwa rikorerwa abagabo ryazamutseho 4.4%, irikorerwa abagore rizamukaho 3%, irikorerwa abantu bafite ubumuga rizamukaho 2.4% naho irikorerwa abana rizamukaho 0.4% ugereranyije na CRC 2022.

## 2.5.6. Impamvu zitera ibibazo byo mu muryango

Ishusho 86: Uko abaturage bagaragaza impamvu zitera ibibazo byo mu muryango




Impamvu zagaragajwe n'abaturage ko zitera ibibazo byo mu muryango kurusha izindi ni ubusinzi, kudahana umwanya wo kuganira nk'umuryango, guharika no gucana inyuma kw'abashakanye, kudakoresha neza umutungo no kudasobanukirwa n'ihame ry'uburinganire aho biri ku gipimo kiri hejuru ya 70%.

## 2.5.7. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza gukangurira abaturage kwitabira inteko z'abaturage n'umugoroba w'umuryango nk'imwe mu miyoboro yo guteza imbere imibereho myiza y'umuryango;
- Gukomeza gukangurira abaturage kwimakaza imibereho myiza y'umuryango bibanda mu gushaka umwanya uhagije wo kuganira hagati y'abagize umuryango;
- Gukaza ingamba zo guca burundu ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge;
- Gukomeza kwigisha abaturage ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'umugabo n'umugore;
- Gukomeza gukora ubukangurambaga ku itegeko rirebana n'imucungire y'umutungo w'umuryango hibandwa ku rubyiruko;
- Gukomeza gukangurira ababyeyi kwita ku burere bw'abana no kubaganiriza ku buzima bw'imyororokere;
- Gukaza ingamba zo kurwanya ikibazo cyo gusambanya abangavu no kudahishira ababikora;
- Gukangurira abaturage kudahishira ihohoterwa rikorerwa mu ngo.
- Gukangurira abaturage gukoresha umutungo neza

Imbonerahamwe 18:
Uko uturere duhagaze mu mibereho y'Umuryango Nyarwanda mu myaka ibiri ( 2023-2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nyabihu | 85.2% | 86.5% | ▼ | -1.3% |
| 2 | Nyamasheke | 82.5% | 84.0% | ▼ | -1.6% |
| 3 | Burera | 81.9% | 75.9% | ▲ | 5.9% |
| 4 | Rubavu | 81.1% | 79.2% | ▲ | 1.9% |
| 5 | Kicukiro | 80.8% | 84.6% | ▼ | -3.8% |
| 6 | Nyamagabe | 80.4% | 75.3% | ▲ | 5.1% |
| 7 | Karongi | 77.8% | 75.8% | ▲ | 2.0% |
| 8 | Rutsiro | 77.4% | 77.5% | ▼ | -0.1% |
| 9 | Nyarugenge | 76.9% | 78.5% | ▼ | -1.6% |
| 10 | Rulindo | 76.3% | 79.7% | ▼ | -3.3% |
| 11 | Gakenke | 76.3% | 86.8% | ▼ | -10.6% |
| 12 | Gasabo | 76.2% | 77.5% | ▼ | -1.4% |
| 13 | Gicumbi | 75.6% | 72.7% | ▲ | 2.9% |
| 14 | Rusizi | 75.5% | 81.5% | ▼ | -6.0% |
| 15 | Kirehe | 74.8% | 72.1% | ▲ | 2.7% |
| 16 | Bugesera | 74.3% | 71.8% | ▲ | 2.5% |
| 17 | Nyagatare | 73.8% | 75.2% | ▼ | -1.3% |
| 18 | Rwamagana | 73.8% | 79.5% | ▼ | -5.6% |
| 19 | Gisagara | 73.8% | 70.9% | ▲ | 2.9% |
| 20 | Nyaruguru | 73.7% | 73.1% | ▲ | 0.6% |
| 21 | Huye | 73.6% | 74.7% | ▼ | -1.1% |
| 22 | Gatsibo | 72.7% | 78.2% | ▼ | -5.5% |
| 23 | Ngoma | 72.6% | 70.2% | ▲ | 2.4% |
| 24 | Nyanza | 71.8% | 74.4% | ▼ | -2.6% |
| 25 | Ruhango | 70.0% | 77.7% | ▼ | -7.7% |
| 26 | Musanze | 69.7% | 74.8% | ▼ | -5.1% |
| 27 | Kayonza | 69.0% | 75.4% | ▼ | -6.4% |
| 28 | Kamonyi | 68.7% | 74.3% | ▼ | -5.6% |
| 29 | Muhanga | 68.2% | 72.1% | ▼ | -3.8% |
| 30 | Ngororero | 68.0% | 80.6% | ▼ | -12.6% |
| IMPUZANDENGO | | 75.1% | 77.0% | ▼ | -1.9% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

# 3

# INKINGI Y'IMIYOBORERE







# 3.1. INZEGO Z'IBANZE



## 3.1.1. Intangiriro

Mu rwego rwo kureba uko abaturage babona ishyirwamubikorwa rya Politiki ya Leta yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, ubu bushakashatsi bwibanze ku mikorere y'inzego z'ibanze, serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, imikorere ya bamwe mu bakozi bazo ndetse n'ibibangamira imitangire ya serivisi muri izo nzego.


Ishusho 87: **Uko abagabo n'abagabo babona inzego z'ibanze muri rusange**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze ku gipimo cya 75.8%. Iki gipimo kikaba cyaramanutseho 3.0% ugereranije na CRC 2022. Abagore bashima servisi zitangwa n'inzego z'ibanze ku gipimo cya 76.1% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 75.4%.


Ikarita 14: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe uturere




Mu turere cumi n'umunani (18), abaturage bashima serivisi z'inzego z'ibanze ku gipimo kiri hejuru ya 75%, aho Akarere ka Ngoma kaza ku isonga ku gipimo cya 83.4% mu gihe Akarere ka Kayonza ari ko abaturage bashima izo serivisi ku gipimo cyo hasi cya 65.6%.

## 3.1.2. Imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 88: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 3.1.3. Imikorere y'inzego z'ibanze

Ishusho 89: **Uko abaturage babona imikorere y'inzego z'ibanze**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Imikorere y'urwego rw'umurenge ni yo ishimwa n'abaturage ku gipimo cyo hejuru cya 84.4% naho urwego rw'akarere ni rwo rushimwa ku gipimo cyo hasi cya 70.9%. N'ubwo urwego rw'akarere ari rwo rushimwa ku gipimo cyo hasi, hari abaturage (18.1%) bagaragaza ko batazi imikorere yarwo kuko serivisi nyinshi zitangirwa ku nzego zibegereye. Ibi bifitanye isano n'ishyirwamubikorwa rya Politiki yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage.

## 3.1.4. Imikorere ya bamwe mu bakozi b' inzego z'ibanze

Ishusho 90: **Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu bakozi b' inzego z'ibanze**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange, abakozi b'inzego z'ibanze barashimwa ku gipimo kiri hejuru ya 80% uretse agoronome w'umurenge, umukozi ushinzwe ubutaka n'imyubakire ku murenge ndetse n'umukozi ushinzwe ubworozi w'umurenge bashimwa ku gipimo kiri munsi ya 65%.

## 3.1.5. Zimwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze

Ishusho 91: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Gusobanurira abaturage gahunda za Leta ni yo serivisi iza ku isonga mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 84.8% mu gihe gukusanya ibitekerezo n'ibyifuzo by'abaturage ku igenamigambi ry'akarere ari byo biri ku gipimo cyo hasi cya 65.6%.

## 3.1.6. Inzitizi zigaragara muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze

Ishusho 92: **Zimwe mu nzitizi zagaragajwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Mu mikorere n'imitangire ya serivisi by'inzego z'ibanze, inzitizi abaturage bagaragaje kurusha izindi ku gipimo kiri hejuru ya 50% ni ukutamenya ibisabwa mbere yo gusaba serivisi, gusiragiza abaturage, kutabonekera ku gihe kw'abatanga serivisi ndetse n'ikimenyane. Nubwo ruswa, akarengane, ikimenyane no kubwira nabi abashaka serivisi ataribyo biza imbere, biri ku gipimo cyo hejuru (> 45%) kandi bigira ingaruka zikomeye mu mitangire ya serivisi.

## 3.1.7. IBYIFUZONAMA

- Gukaza ingamba zo kurwanya ruswa, akarengane, ikimenyane no kubwira nabi abasaba serivisi;
- Kongera uruhare rw'abaturage mu gutegura igenamigambi;
- Gusobanurira abaturage ibisabwa kugira ngo bahabwe serivisi;
- Gukurikirana mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi;
- Kwegera abaturage no kubakemurira ibibazo ku gihe.

Imbonerahamwe 19:
Uko uturere duhagaze muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze mu myaka ibiri (2023 - 2022)

| Nº | AKARERE | CRC 2023/ AMANOTA (%) | CRC 2022/ AMANOTA (%) | IMPINDUKA 2022 - 2023 (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Ngoma | 83.4% | 77.2% | ▲ | 6.2% |
| 2 | Nyamagabe | 82.6% | 73.3% | ▲ | 9.3% |
| 3 | Rubavu | 80.7% | 75.2% | ▲ | 5.5% |
| 4 | Gakenke | 80.4% | 88.6% | ▼ | -8.2% |
| 5 | Nyagatare | 79.8% | 70.8% | ▲ | 9.0% |
| 6 | Rulindo | 79.8% | 78.4% | ▲ | 1.4% |
| 7 | Rwamagana | 79.2% | 83.4% | ▼ | -4.2% |
| 8 | Gisagara | 78.9% | 79.5% | ▼ | -0.6% |
| 9 | Kirehe | 78.7% | 78.9% | ▼ | -0.2% |
| 10 | Ngororero | 78.6% | 85.0% | ▼ | -6.4% |
| 11 | Rusizi | 78.2% | 82.4% | ▼ | -4.2% |
| 12 | Nyabihu | 78.0% | 82.6% | ▼ | -4.6% |
| 13 | Muhanga | 77.5% | 82.6% | ▼ | -5.1% |
| 14 | Rutsiro | 77.4% | 73.6% | ▲ | 3.8% |
| 15 | Gicumbi | 77.1% | 82.0% | ▼ | -4.9% |
| 16 | Nyaruguru | 76.8% | 79.8% | ▼ | -3.0% |
| 17 | Nyanza | 76.4% | 80.5% | ▼ | -4.1% |
| 18 | Karongi | 75.2% | 80.9% | ▼ | -5.7% |
| 19 | Kamonyi | 74.5% | 77.7% | ▼ | -3.2% |
| 20 | Nyarugenge | 73.9% | 80.5% | ▼ | -6.6% |
| 21 | Huye | 73.2% | 78.2% | ▼ | -5.0% |
| 22 | Kicukiro | 72.3% | 76.8% | ▼ | -4.5% |
| 23 | Burera | 72.0% | 70.6% | ▲ | 1.4% |
| 24 | Gatsibo | 71.6% | 84.9% | ▼ | -13.3% |
| 25 | Gasabo | 71.0% | 77.8% | ▼ | -6.8% |
| 26 | Ruhango | 71.0% | 79.8% | ▼ | -8.8% |
| 27 | Nyamasheke | 70.2% | 76.8% | ▼ | -6.6% |
| 28 | Bugesera | 69.8% | 74.6% | ▼ | -4.8% |
| 29 | Musanze | 66.2% | 72.6% | ▼ | -6.4% |
| 30 | Kayonza | 65.6% | 80.3% | ▼ | -14.7% |
| IMPUZANDENGO | | 75.8% | 78.8% | ▼ | -3.0% |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023



# 3.2. UBUTABERA




## 3.2.1. Intangiriro

Mu rwego rw'ubutabera, ubu bushakashatsi bwibanze ku mitangire ya serivisi, imikorere ya Komite z'Abunzi, imikorere ya MAJ, ndetse n'imikorere ya RIB.

Harebwe kandi uko abaturage babona ruswa, akarengane n'ikimenyane mu nzego zimwe na zimwe ndetse n'imikorere y'inzego zinyuranye mu kurwanya ruswa n'akarengane.


Ishusho 93: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubutabera muri rusange




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri rusange abaturage bazi serivisi z'ubutabera bazishima ku gipimo cya 81.8%. Abagore bazishima ku gipimo cya 82.5% naho abagabo bakazishima ku gipimo cya 81%. .


Ikarita 15: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutabera hakurikijwe uturere




Serivisi z'ubutabera zirashimwa ku gipimo kiri hejuru ya 75% mu turere makumyabiri n'icyenda (29) aho Akarere ka Nyamagabe kari ku isonga ku gipimo cya 88.6% naho Akarere ka Musanze kakaba ku gipimo cyo hasi cya 73.5%.

## 3.2.2. Serivisi z'ubutabera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali.

Ishusho 94: **Uko abaturage bashima serivisi z'ubutabera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

## 3.2.3. Imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ubutabera

Muri iki cyiciro habajijwe abaturage bazi imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ubutabera zikurikira: guca imanza ku gihe, kurangiza imanza, ifunga n'ifungura ry'ukekwaho icyaha, kutabogama kw'inkiko, gutanga icyemezo cyo kuba utarakatiwe cyangwa warakatiwe n'inkiko, imikorere y'ubushinjacyaha, imikorere y'abunganizi mu mategeko ndetse no gutanga ubufasha mu by'amategeko (legal aid).

Ishusho 95: Uko abaturage babona imikorere na serivisi mu nzego z'ubutabera





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Gutanga icyemezo cyo kuba utarakatiwe cyangwa warakiwe n'inkiko niyo serivisi ishimwa ku gipimo cyo hejuru cya 87.2% mu gihe ifunga n'ifungura ry'ukekwaho icyaha aribyo bishimwa ku gipimo cyo hasi cya 72.8%.

## 3.2.4. Imikorere ya Komite z'Abunzi

Ku bijyanye n'imikorere ya Komite z'Abunzi, ubu bushakashatsi bwibanze ku bunyangamugayo bwabo, icyizere abaturage babafitiye ndetse n'uburyo bakemura ibibazo by'abaturage ku gihe.

Ishusho 96: Uko abaturage babona imikorere ya Komite z'Abunzi





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Abaturage bashima imikorere ya Komite z'Abunzi mu byiciro byose ku gipimo kiri hejuru ya 85%.

## 3.2.5. Serivisi za MAJ

Ku birebana na MAJ, ubu bushakashatsi bwibanze kuri ibi bikurikira: kunganira abatishoboye mu mategeko, kurangiza imanza ku gihe, gukurikirana ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gukurikirana ibibazo by'amategeko arengera abana ndetse n'imokorere y'abakozi ba MAJ. Serivisi za MAJ zabajijwe abaturage bazi uru rwego.

Ishusho 97: Uko abaturage babona serivisi n'imikorere bya MAJ





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Kunganira abatishoboye mu mategeko nibyo abaturage bashima kurusha ibindi mu mikorere ya MAJ ku gipimo cya 79.0% mu gihe kurangiza imanza ku gihe bishimwa ku gipimo cyo hasi cya 69.4%.

## 3.2.6. Imikorere y'urwego rw'ubugenzacyaha (RIB)


Ishusho 98: Abazi urwego rw'ubugenzacyaha (RIB)




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Igipimo cy' abaturage bazi Urwego rwa RIB cyarazamutse kiva kuri 94.9% muri CRC 2022 kigera kuri 96.5% muri CRC 2023.

Ishusho 99: Uko abaturage babona imikorere ya RIB





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bashima imikorere ya RIB ku gipimo cya 88.4% kivuye kuri 86.8% muri CRC 2022.

## 3.2.7. Ruswa, akarengane n'ikimenyane mu nzego zitandukanye

Ishusho 100: **Uko abaturage babona ruswa, akarengane n'ikimenyane mu nzego na serivisi zitandukanye**




Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2023

Ubushakashatsi bwagaragaje ko mu nzego z'ibanze ariho ruswa, akarengane n'ikimenyane biri ku gipimo cyo hejuru cya 48.5% kurusha ahandi. Izindi nzego abaturage bagaragaza ko zigaragaramo ruswa, ikimenyane n'akarengane ku gipimo kiri hejuru ya 20% ni: mu kazi (37.3%), muri serivisi z'ubutaka (30.3%), Polisi y'u Rwanda (26.1%), DASSO (21.9%) ndetse no mu nzego z'abikorera (21.6%). N'ubwo ruswa, ikimenyane n'akarengane hari aho bigaragara ko biri hasi, bimunga imikorere n'imitangire ya serivisi.

Imbonerahamwe 20:
Uko abaturage babona ruswa, ikimenyane n'akarengane muri zimwe mu nzego hakurikijwe uturere

| Nº | MU KAZI | | MU NZEGO Z'IBANZE | | MURI SERIVISI Z'UBUTAKA | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | AKARERE | % | AKARERE | % | AKARERE | % |
| 1 | Musanze | 65.7% | Musanze | 65.1% | Kicukiro | 51.0% |
| 2 | Kicukiro | 61.0% | Ruhango | 64.9% | Musanze | 48.0% |
| 3 | Rulindo | 57.7% | Kicukiro | 58.8% | Ruhango | 44.0% |
| 4 | Gasabo | 55.0% | Huye | 58.1% | Nyarugenge | 42.1% |
| 5 | Nyarugenge | 53.0% | Kayonza | 57.6% | Gasabo | 39.7% |
